K0211290



Identification : RTLM 0291 9/12/93

Duration : 60 min

Quality : good

Transmission : Radio RTLM

Name of transcriber : Gatimbiro Uwera Olga

Name of file : GAT.WPD

Dictaphone : Express write model 2750-65N516525

Cassette RTLM 0291 transcrite par Ol

Orateur : KANTANO

( musique ).

Umwaka muhire w'igihumbi kimwe magana icyenda mirongo icyenda na kane. Mbere rero yo gukomeza kumva uwo muziki hinga mbagezeho iri tangazo. Itangazo rero ni irya Cooperative d'épargne des travailleurs yitwa COPET.......

Radiyo yigenga mu misozi igihumbi ni saa tatu n'iminota icumi. Inkuru ishyushye rero ibagereho, iyi nkuru ishyushye ni irimo ibera muri...., ni iri... iturutse muri ELECTROGAZ, muri Electrogaz hano kuri sitasiyo ya Kigali, ubu hari rwaserera nyinshi cyane, hari rwaserera itewe n'uko mu gitondo cya kare abazindutse baza ku kazi, basanze, bahasanze igikapu kirimo mine ebyiri hanyuma abajandarume bashatse hirya no hino bahasanga na none grenade. Ubu rero ni muri rwaserera nini cyane, abantu barimo barasakuza bibaza uwaba yakoze..., yashatse gukora ayo mahano, abantu rero baravuga bati «barashaka kutuziza amafaranga yacu ya rappel»,bati «kandi n'abakozi bakuru babirimo. Mbese amagambo y'abantu ni menshi aranyuranye. Hinga mwumve amakuru mbakuriyeyo mu kanya, uwo bafatanye mine ntabwo namubonye ubu ngubu agiye..., agiye.... ngiye kujya kuri burigade kujya kumushaka, ariko hagati aho mube mwumva amakuru ashyushye avuye kuri sitasiyo ya Kigali ya Electrogaz aho bamaze gufata....,gu.... gutahura mine ebyiri bakahafatira na grenade mu kigo imbere. Hanyuma rero mwumve amagambo tu...tuvuganye n'umuzamu, hanyuma mwumve n'ay'abakozi..., n'ay'abakozi ee ubwabo bivugira. Hagati aho mu kanya ngiye gufata moto ningaruka ndabagezaho amakuru y'uwo nguwo bafatanye igikapu..., nyir'igikapu cyarimo mine mubaze icyo yazikoreshaga, ni icyo yari agamije. Murumva rero yuko ibintu..., abagizi ba nabi barakomeza kugenda baba benshi muri.., muri uyu mujyi no muri iki gihugu ubu sinzi amaherezo. Mwumve rero amakuru ashyushye avuye muri Electrogaz.

(inaudible)

Cassette RTLM 0291 transcrite par OI

K0211292



**- We sha mbwira uko byagenze. Witwa nde? Haguruka gatoya.**

- Nitwa Munguyiko Fréderic

**- Ukora he se?**

- Nkora hano muri Electrogaz

**- Ukora iki?**

- Ndi umuzamu

**- Ntekereze uko byagenze.**

- Njyewe ejo saa kumi n'imwe, naje hano ku kazi mpageze umuhungu ushinzwe umutekano hano arambwira ngo..., ngo hariya mu ntuza....hari igikarito cyari gihari arambwira ngo habitsemo ibintu bye ngo ntihagire ukoramo, ngo sinkoremo...

**- Ari nde ubikubwira?**

- Uwo muhungu ushinzwe umutekano hariya.

**- Ashinzwe umutekano cyangwa umuzamu?**

- Ni umuzamu ariko njyewe sinzi....sinzi ibintu mbega akora njyewe. Nibwo...njye nibwira ko ari ibintu nk'uko abandi bakozi babikamo ibintu, nanga kwirwa mbikoramo njye nari ndi kumwe n'undi muzamu wundi. Njyewe nimugoroba nka saa tanu..., mbega saa ine Tassien yaje hano akererwa gutaha. Akerewe gutaha yava... yavuye hano saa tanu zuzuye. Njyewe tugiye kuryama, mbwira umu...umuzamu dukorana nti ariko sha nti ibi bifa... ibi bintuze... ibikapu biba hano biba bimaramo iki? Turagenda dufungura icyo...kimwe cyari gihari dusanga harimo imigozi y'ibijumba. Nibwo,... mbwira uwo mwana nti n'ubwo ndyamye hano, nti mfite ubwoba hari umuntu wa... wambwiye ngo abitsemo ibintu hano, nti kandi sinzi ibyo ari byo. Uwo muhungu arambwira ati «ese sha biri hehe?»Ni bwo jyewe ndagenda ndamwereka, mvanyemwo, mvanamo kimwe cyari kiri mu ntuza..., mu gipapuro cyacyo, ikindi mu gipapuro cyacyo.

**- Harimo iki ?**

- Icyo gisasu njye sinzi ukuntu kitwa, njye nkivanyemo, bon, uwo muhungu ndamubwira...., arambwira ati sha njye ibyo bintu sinzi ibyo ari byo. Nti «esi shahu ibi ni ibiki?» Ati «mbanza ari ibisasu» Uwo muhungu arambwira ati «kijyane hanze». Nkijyana hanze ngarutse mpambura

K0211293



n'icyo kindi cyari gisanzwe...nari nsanzemo, nsanga ikintu kimeze nk'inyundo hagati harimo akabaho. Ndavuga ati «sha n'iki nicyo» Nabwo tukizana hanze, ako kanya hari umwana w'umuzamu wanyu... wanyuze hariya, ndamuhamagara nti «sha ngwino undebere ibi bintu mbonye hano. Mu gihe akiza, ngenda kuzana undi mukozi wari uri muri depanaje (dépannage ) araza arabireba witwa Senani. Amaze kuhagera tugira Imana tubona abashinzwe umutekano barimo kugenda hariya mu muhanda. Nibwo tubahamagaye tuti muze muturebere ibintu tubonye hano. Bati «ese sha ni ibiki?» Turaza turabereka. Tuberetse baravuga bati «sha» bati «mwari mupfuye». Nibwo baratubaza bati «se ni nde wari wabizanye?» Turamubwira. Nibwo yandika izina rye, yandika n'izina ryanjye, yandika n'uyu muhungu ntuza... Ndasingwa turarana, n'uwo Senani. Baravuga bati «rero aza hano ryari?» Tuti «saa mbiri aba ageze hano. Bati «noneho mumwihorere mwebwe , twe mu gitondo turaza kumufata». Mu gitondo saa moya haje umusirikare umwe, umu GD umwe yambaye imyenda isanzwe, araza arambaza ati «se uwo muhungu ntabwo yari yaza?» Ndamubwira nti «ntabwo yari yaza». Ati «noneho ndi hariya hepfo kuri Alirwande...,rwande...hano ku ntuza... hariya kuri ruriya ruganda bashinzwe kuzana imodoka. Nibwo uwo muhungu yamaze kwinjira hano mu kigo, njye nari ntaragera.... nari maze guhagarara hariya ku modoka iri hariya. Njye nahise nkata, ngenda kubazana, baje dusanga ahagaze hariya mu muryango, bahise bamujyana. Bamubaza ibya ngobwa, amaze kubibaha bahita bamujyana aho bamujyanya simpazi jyewe. Nta kindi kintu njye nongeye kubona. Jyewe none aha ngaha abakozi bose bari bari hano, barimo kujya batubaza ukuntu byagenze, uyu muhungu, uuuu...musore niwe wagiye, ari mo gusaka mu nzu hariya hose, nibwo abonyemo iriya. Iyi ngiyi ukuntu yaje twe ntaho tubizi. Nibyo nari... ni byo bindi twabonye... ni byo nabonye jyewe.

**- Ibyo bavuga ngo wabwiye abakozi ngo uzabatwika ni byo?**

- Ibyo ni ibintu barimo kumbeshyera jyewe. Ibyo ni ibintu... ibyo barimo kuvuga baraje hano baje ninjoro, bavuye ku kazi, barambwi...ba.. baravuga ngo... ngo imodoka iri hehe? Imodoka ndababwira nti jye nta modoka ihari. Mu gihe nkivuga baba bar.... bashaka kudukubita. Twe twe turigendera. Ibyo byo kuvuga ngo rero njye naravuze ngo nzabatwika njye simbizi.Baze no... no

mu rugo; ubu ntabwo bazi ko, ntabwo muzi ko mwari kuza. Mugende, mugende mukingure mu rugo ibyo mu nzu byose mu... mureba nimugira mugasanga harimo n'ikintu cy'intwaro cyangwa iki, ma... mume..mumenye ko ibyo bintu rwose ari jyewe ubikora.

**- Uretse ibi ngibi bya grenade byabonetse hano ikibazo gisanzwe hano ni ikihe ?**

- Ikibazo gisanzwe hano..., jyewe nitwa Aroni, ndakubwiza ukuri sinkubeshya. Hari amafaranga hano turimo kubarirwa y'igihe tumaze dukorera hano, noneho ugasanga bo bafite umujinya wo kugira ngo mbega badukorere ibintu by'ubugome nk'ibyo bashake kugira ngo... batuvutse ayo mafaranga, ni umugambi wabo mbega bashaka kugeraho.

**- Bande se ba...bande se bafite uwo mugambi? Ababa bashaka kubagomwa ayo mafaranga yanyu ni bande ?**

- Usibye aba ngaba bafatanwe ibi ngibi, harimo na b..., urebye harimo n'abategetsi batishimiye ko twabona ayo mafranga. Reba nka chef de station ntari hano, kandi ara..arabona ibintu byabereye hano, ese yaba ashyi.. adashyigikiye ayo amafuti, akaba... akaba atabonetse aha ngaha? Nawe uri umu... uri umuntu w'umugabo, urabibona cyangwa (inaudible).

**- Mbwira ikibazo kiri hano uko cyifashe.**

(Ijwi riri hirya) Ariko se ko bamudutwaye?

- Dore ikibazo kiri aha ngaha, aha hantu hari... ni amafaranga yacu barimo kutubarira. Abashefu b'aha ngaha rero bafite kontara ( contrat ), bakaba bifuza yuko tut bona ayo mafaranga bitewe n'ubwinshi bwayo bw'imyaka twakoze hano nta mafaranga badu...baduha akwiriwe umusukontaro (sous-contrat ). Bon, noneho igihe barimo kubara hariya, bari..barimo kubara hariya muri RTI, ibintu byatangiye kera, noneho ku...kugira ngo ahari tu...tuzapfe tutayabonye, ibintu bakabijyana nk'ibintu byakabazwe mu cyumweru bakavuga ngo bira...biragomba kumara

K0211295



ukwezi. Ibintu twari ku.... Ubu hariya hakurya kuri minisiteri dufitanye... mini...mini...minisitiri yatwandikiye impapuro z'i..z'igihe tugomba kubonera ayo mafaranga. Amatariki akagenda tutayabona, ba...baturimanganya, baturimanganya tukabihorera. None aho bigeze urabona ko nawe barimo gushaka ibi bintu... ibi bintu by'umutego badutega hano kugira ngo abakozi bapfe. Reba nk'izi modoka, aya makamyo, agendamo abakozi, twebwe dufi..nta cyizere dufite cy'ukuntu batari kuzitega muri izi modoka zitwara abakozi, tugendamo. Mbwira nk'abantu nk'ijana bose bapfuye, aya mafaranga ukuntu byagenda. Yajya hehe? Iyi minsi yose, iminsi yose, iminsi yose ishize baturimanganya, baturimanganya, baturimanganya,...... (musique)

Orateur HABIMANA Kantano

Radiyo yigenga mu misozi igihumbi, ubu ni saa ine n'umunota umwe muri sitidiyo zacu. Umuziki rero ushyushye ni mwiza ni ngombwa kandi kuri RTLM niko bimeze, ariko n'amakuru ashyushye rero nayo ni gombwa. Nk'uko rero nabibabwiraga mu kanya, inkuru yari ishyushye ni imvururu zari zibyutse muri Electrogaz kuri sitasiyo ya Kigali, mu kanya nabumvishije umugabo nari mpasanze, bitewe n'izo mvururu, w'umuzamu abantu bamuhundayeho, eee nonaha, nonaha mu kanya mvuye kuri sitasiyo ya brigade ya Kigali, kuri brigade rero mu Muhima; dore noneho inkuru y'imvaho uko imeze. Inkuru y'imvaho rero ku bibaye muri Electrogaz, ni uko nijoro..., nako si nijoro ibyoari byo byose ku mugoroba, umugabo witwa Felix Nyitabahizi, Félix NYITABAHIZI akaba wo muri komini Kagano i Cyangugu, muri segiteri Rutambara, uwo mugabo rero witwa ... uwo mugabo witwa Felix Nyitabahizi akora muri Electrogaz ni umu réserviste, eee...yavuye mu ngabo muri mirongo icyenda na rimwe, afunzwe ukwezi, hanyuma aza gusaba akazi muri Electrogaz. Nimugoroba rero uwo musiri...., bamuha akazi k'ubusiriveya (surveillant ); ni ukuvuga gucunga umutekano ku kigo cya Electrogaz. Noneho uyu mugoroba rero mbere yuko ataha, abwira abazamu aa ati dore akantu kanjye k'aga...ka... k'agakarito gato ntimugakoreho, mukambikire hariya muri...muri turiya tuzu tw'abazamu. Muratubona utuzu tw'abazamu uko tumeze. Bon, noneho nijoro saa tanu z'ijoro, baza kugira amatsiko, bareba muri

ka gakarito. Basanga harimo grenade ebyiri; harimo grenade ii... imwe y'agakombe, iyo grenade ngo ni iyo muri Egypte. Ntabwo rero ari mine, ntabwo ari mine, ni grenade y'agakombe ,iyo ngo ni iyo muri Egypte, hanyuma hari na grenade y'inshinwa imwe imeze nk'agahiri. Noneho bahamagara abajandarume bagendaga, bati «nimutabare murebe ibi bintu», noneho umugabo rero felix Nyitabahizi aje mu gitondo ubwo yari yatashye noneho baramufata. Abajandarume baramufata bamujyana kuri brigade, ariko hagati aho abantu bakomeza gusakuza bati «turebe n'ibindi», barongera muri ka kazu k'abazamu ba Electrogaz kuri sitasiyo ya Kigali, barongera basangamo indi grenade «M26". «M26" ni kariya kagrenade kameze nk'agacuma. Ariko rero zidateze, zibitse gusa. Ni uko noneho ubwo ibintu biba birashakuje, ibintu biba birashakuje cyane, abakozi ba electrogaz bati «aha, bamaze iminsi batubarira amafranga, turi hafi guhembwa ibihumbi n'ibihumbi aba sous contrats, kubera ko ba...babaha...., bakomeje basakuza noneho bagiye kubaha régularisation, bati «none rero barashaka yuko dupfa tutayariye». Ubu chef wa sitasiyo bara... bamumereye nabi ngo ntabwo yari abizi, ngo arashaka kubaziza ayo mafaranga yabo, ubu ni yo rwaserera rero barimo, murabizi iyo habaye ibintu nk'ibyo haba hari abantu baba ba...bashyushya urugamba kugira ngo ibintu bikomere bifate indi ntera ni bo rero usangamo... bamwe bavuga ngo aha, ngo Inkotanyi zaje, abandi ngo Inyezi ziri...zitwihishemo, abandi... ngo ibiki n'ibiki... mbese muzi ibigambo biba hano...,eee hano hanze. Icyo rero tubona muri iyi nkuru, icyo tubona muri iyi nkuru yo muri Electrogaz, umugabo w'umu réserviste Félix Nyitabahizi yahazanye grenade ebyiri, imwe y'inshinwa n'indi yo muri Egypte, iyo muri Egypte imeze nk'agakombe, iy'inshinwa imeze nk'agahiri ikwikiye mugiti, noneho azibitsa bagenzi be b'abazamu, noneho bagenzi be bagira amatsiko barazitahura, bazitahuye barasakuza ubwo noneho mu gitondo uwo mugabo bamujyana kuri brigade niho musanze we ntacyo avuga, aravuga ko atabizi aragerageza kubyigurutsa. Hanyuma noneho bakomeje basaka na none bafata indi grenade yitwa «M26". Hanyuma rero ubwo ngubwo eee noneho byabaye ibintu by'akaduruvayo. Izo grenade rero mu bi..mubyumve neza ntizari ziteze, ntizari ziteze ahubwo zari zibitse muri ako kazu k'abazamu. Ese ni zo birariri zaga? Ese ni zo bateganyaga kuzakoresha ikindi kintu? Nta wubizi. Muri make nguko uko inkuru yagenze. Maze rero dukomeze twumve

umuziki andi makuru ashyushye ubwo ni mukanya. (musique)

.....mwumva ni RTLM, radiyo yigenga mu misozi igihumbi, radiyo y'ukuri igerageza gushakisha ukuri, radiyo y'amakuru ashyushye mu kanya nababwiraga amakuru yo muri Electrogaz.Muri Electrogaz rero bahatahuye grenade eshatu, nuko amahane aravuka, imvururu reka sinakubwira, bati «ntabwo abantu baraduteze kugira ngo tutazarya amafranga yacu barimo badukorera rappel». Ariko dusanze ari umugabo witwa Félix, uwo mugabo rero witwa Félix, w'umu surveillant, Félix Nyitabahizi ni we wari ufite izo grenade, hari n'indi grenade batahuye mu gikweto cy'abazamu bahabaga muri ako kazu, yenda hari ubwo ari grenade biraririzaga ariko izo grenade ntabwo zari ziteze zari zihishe gusa. Ayo rero ni yo makuru ashyushye twari dufite; ariko rero amakuru ,burya amakuru na none aba amakuru eee...Muribuka ukuntu Inkotanyi zakoze amarorerwa muri Mutura, ababita abagizi ba nabi ibyo n'akazi kabo, twebwe tuba tuzi ko ari Inkotanyi kuko uko zica ubugome zikoresha bwose burazwi, abagizi ba nabi bafite uko bagira nabi, n'abandi na bo bafite uko bagira nabi, ibyo ari byo byose abagizi ba nabi bari kwinshi hari abica urw'agashinyaguro, hari abica......, impfu ziba nyinshi.

Maze rero hano kuri RTLM, hari abantu bajya badutelefona, murabyibuka ibyo murabizi hari abadutelefona kenshi ntabwo tubabaza izina, hari abadutelefona batugira inama nk'uwaraye atubwiye ati twumvise ko radiyo RTLM abantu bayiha za kado ( cadeau ), baha n'abakozi baho za kado (cadeau ) kubera ko ubunani na noheli byegereje bati ariko rero muritondere izo kado hato batazabaha igifurumba mukagira ngo ni ikintu babazaniye cyiza noneho ugasanga kidutwariye radiyo, nk'uwo nguwo yatugiriye inama koko nyazo. Hari abandi batwandikira ariko cyane cyane ku badutelefona. Hari uriya mukobwa w'Inkotanyikazi wantelefonye, cyakora, cyakora namwiciyeho ntakintelefona, ubundi yarantelefonaga cyangwa agatelefona n'undi mukozi akadusesereza ubu rero ntakibitimyuka kuko aho amenyeye ko ijwi rye ritegerejwe n'icyuma hano, ntakidutelefona rero adutuka, ni byo natwihanganire rwose abe aruhutse, gutuka umuntu nta cyo bimaze, cyangwa kumutonganya kuri telefone, hari ubundi buryo bwo kubwira

umuntu uti «ibi bireke» ariko na none kubwira umuntu ngo ibi bireke nta mpamvu; ntacyo bimaze, uwo mukobwa rero ubu ngubu yaratuje, nagerageje kumumenya buhoro, ariko rero ndamukeka cyane, natuze rero duturane. Ku byerekeye na none telefone, hari umuntu wantelefoneye kuri Rwandex Shillington nijoro mu bakozi baho ba nijoro, hari ku itariki ya mbere z'ukwa cumi na kabiri, uwo muntu rero wo muri Rwandex Shillington arantelefona ambwa ibintu biteye iseseme, ambwira ibintu biteye iseseme mukupiraho telefone, ibyo bintu yari ambwiye, yaravuze ati...icyo gihe nari ndimo mvuga ibintu by'amarorerwa y'Inkotanyi muri komine Mutura, aho zari zishe abantu barenga makumyabiri bose; nuko arambwira ngo ibyabereye muri Mutura ngo ni inkinamico. Uwo muntu wo muri Rwandex Shillington naramubwiye nti «najye winkiniraho ikinamico muri telefone» mpita nyikubita hasi. Abamwumvaga banabonye n'ukuntu telefone itamaze akanya, nibwo bambwiye bati «umuntu muvuganye nonaha umubwiye iki, ko tubonye arakaye? Bati «aravuze ngo uramusuzuguye» Reka musuzugure, ambwiye ibintu bitanjya mu mutwe kubona abantu makumyabiri bapfa urw'agashinyaguro harimo n'abana b'ibitambambuga batazi icyo bazira, batagira..., b'inzirakarengane, umuntu akambwira ngo ni ikinamico!.. Ni nk'iki kinyamakuru cya «Le flambeau» mbona hano, cyandika ngo «ibimenyetso byose birahama MRND». Ibyo ni akazi ka byo bashobora kwandika ibyo babonye. Ariko rero kubwira umuntu ngo abantu bapfuye ari makumyabiri ngo ni inkinamico ry'abantu b'aho ngo biyicira ibibondo bagira gute, numvise birenze ubwenge. ni bwo rero nakubitaga hasi telefone, nibwo ibintu byakururanaga. Uwo muntu rero urebe ukuntu ari n'umuntu w'inkururanyi, yarambeshye ngo yitwa Banyurwanabi kandi nta... Banyurwanabi Onesphore ni umuntu utwandikira théâtre nziza, nziza, ni umuntu usheshe akanguhe ntashobora gukora ibintu nk'ibyo, ntashobora kuvuga ibintu nk'ibyo by'amateshwa by'uko abantu bakina ikinamico bica abandi. Nuko rero yiyita Banyurwanabi; iryo naryo ni ikosa gutelefona umuntu ukiyita izina ritari ryo, ni uko yiyise Banyurwanabi, Banyurwanabi, murabyumva ati «ntibishoboka» nta muntu..., umva nakoze muri Rwandex mva mo, nta muntu rero witwa Banyurwanabi wundi wahasigaye, muri Rwandex na bo barantelefona bati koko nta muntu witwa Banyurwanabi dufite, bati uwo muntu agomba kuba ari undi, uwo

muntu rero baramukurikirana baza gusanga yitwa Havugimana Faustin, yitwa Havugimana Faustin uwo muntu rero baza kumukurikirana ndetse baranamwandikira amabarwa bati kuki eee utelefona, urara ute... ukoresha telefone y'akazi mu bintu by'amafuti, ndabona hano ukuntu yagerageje kwisobanura, ibarwa ndafite kopi (copie) yayo hano; arisobanura nabi nabi, ahubwo mbonye ngo yandi... a...ashyiramo ibintu bya politike kuri..., sinzi ishyaka arimo ariko, ibyo ari byo byose ishyaka arimo agomba kuba yanduranya, sinzi n'ibintu ngo yamanitse muri Rwandex bya politike bya za afishe ( affiche ) anabisinyaho, eee uwo mugabo rero ndakeka yuko ashyira Rwandex mu mahane kandi atari ngombwa, ndakeka rero agomba kuba mu mutwe we hashyushye, ahubwo yasaba akazi mu ishyaka arimo, bakamuha gukora kuri permanence ni ho mbona bagira amatangazo meshi akajya yihutira kumanika amatangazo, naho kurara akoresha telefone ya Shillington Rwandex avuga ngo aba...ibyabereye muri komine Mutura ni inkinamico, atelefona kuri RTLM, atera abantu umutwe n'i..n'ikirungurira, ndakeka yuko yabireka Bwana Havugimana Fawusitini rero niba udashyushye umutwe cyangwa niba utarataye umutwe, ndakeka yuko wareka gutera abantu umujinya. Emera ibyo wemera ariko ureke gukabya. Naho rero Onesphore Banyurwanabi rwose utubabarire umuntu yarakubeshyeye, umuntu yarakubeshyeye; urabona ko ari umuntu w'umunyabyaha rwose w' umunyamakosa. Ndakuzi neza ntabwo ushobora gukora ibintu nka biriya, utegeza...utugezaho théâtres nziza, warize uri umuntu ujijutse, ntabwo ushobora na gato gutekereza yuko ibintu byo muri komine Mutura, amarorerwa yakore.., yabereye muri Kidaho, muri za Nkumba, hehe hose; ntabwo ushobora kuvuga ko ari inkinamico ntiwabitinyuka. Utubabarire rero umunyamakosa ni uyu mugabo witwa Havugimana Faustin wo muri Rwandex Shillington utinyuka kuvuga ibintu nka biriya kuri telefone ngo nawe abonye ibyo avuga ngo ibyabereye muri Mutura ni inkinamico. Maze rero ibyo... ibyo muri Rwandex Shillington tubirekere aho; Banyurwanabi yarahakoze arahava, ntabwo ari we na rimwe twavuze; umuntu wamubeshyeye amuhimbira izina ritari ryo, amaze no kuvuga amateshwa niwe munyamafuti, turamwihanije Havugimana Faustin ukora muri Rwandex Shillington, ndabona n'abategetsi be baramwihanije bongere bamwihanangirize, ariko cyane cyane mu mutwe we yikuremo ibintu nka biriya by'agashinyaguro kuko niba..., niba bakina

inkinamico yenda ntihazabura urimukiniraho ruriye abandi rutamwibagiwe. Twiyumvire umuziki ( musique ).

...rwose birambabaje ndi umu PL wa kabutindi, none nje kunga aba PL. Uretse ko atarambwira ibitekerezo bye neza uko azabigenza, ariko ndabona yarakererewe Mugenzi ngo arashaka gukoresha congrès ye, iya Lando yararangiye, ese mama azabitangirira hehe? Abasenyeri se bo bazabigenza bate? Muri MDR uy'umunsi ngo haraboneka igisubizo cya nyuma, hari abifuza ngo ko Abasenyeri bayobora congrès y'ubutaha, ibyo bintu eee by'abanyapolitike n'iki... ni akandare! Ariko rero ku byerekeye abashaka kuzana amatangazo kuri RTLM, nimuze mwese, ubwoko bwose iki...., Abazungu, Abanyarwanda bose iki... nta muntu n'umwe duheza hano. Nta bantu bategereje abantu ngo babakubite cyangwa babambure. Bose babakira neza. Ahubwo mu minsi itaha tuzashyiraho na ka kantine ( cantine ) uje kudusura tumuhe icyo kunywa nka ka fanta iki... kugira ngo rwose mugwe neza ni radiyo yanyu, radiyo mugomba kumva mwisangaho. Ntabwo rero mwavuga ngo hari ababa.... Bon,hari n'abandi rero, banga...., bo gutanga publicité ngo ntibaha... ngo radiyo CDR, ngo radiyo biki.... ngo ntibayiha publicité, ngo icyo gihe ngo ari Abatutsi cyangwa ari Inkotanyi zigatanga publicité kuri iyo...kuri radiyo RTLM, ngo ubwo ngo abandi Batutsi ntibabagurira., ngo Inkotanyi zarakara, abandi n anone bati «twebwe turi Abahutu ntazi, dutanze publicité kuri iriya radiyo ibintu byacu babiboyikota ( boycotter ), iki... byose, ndakeka yuko... ibyo ni ibitekerezo bishaje byagombye kuva mu mitwe y'Abanyarwanda. Niba hari icyo ushaka gutangariza Abanyarwanda gitangaze aho ubona gishobora gutangarika, nta kindi. Nta cyo dukuramo nta ki... tubitangaza uko byaje . Muze rero mutugane, nta... ntituryana, ntituri abanyamahane, ntituri aba... ntituri abicanyi, ibyo bihuha mubibeshyuze kandi namwe mwirebere,hum! Niko? Madamazela washaka gutanga itangazo, na ko ngo yashakaga kasete ya Bikomagu. Kasete ya Bikomagu, ubwo wenda hari icyamushimishije mu bya Bikomagu. Maze rero ubwo uri umututsikazi mademoiselle rwose ngwino nonaha nguhe iyo kasete ya Bikomagu, hanyuma wumve uwo mwene wanyu amarorerwa akora i Burundi.

Cassette RTLM 0291 transcrite par OI

Amatangazo rero yanyu hari abatwizera cyane benshi, bakomeje kuba ari benshi ahubwo tugiye ku... hafi kubura umwanya, ariko dore nk'uyu Bizirema Agustini.......(coupure)

Abakunzi bacu hari abatwandikira bavuga....ba... banenga ibyo twa...twavuze, ibyo ni byo, ibyo ni byo ntaaa....... ni byo nk'ubu mu kanya hari umuntu duhuriye mu muhanda arankurikira cyane aravuga ngo yuu Kantano, ngo kuki ngo urengera MRND ngo ni iki? Ibyo rero ndakeka yuko ntabwo ari byo icyanzanye hano ntabwo ari ukurengera MRND. MRND ifite..., ishyaka MRND, M M M...MRN...MRND rifite bakuru baryo, rifite abantu barirengera ku buryo buhagije. Ntacyo rero ndii...,nta...ntacyo ndirengeraho, icyo gusa ntemera ni biriya byose Inkotanyi zivuga cyangwa zikora, zikavuga ngo ni MRND. Bagatega ibisasu i Taba ngo ni MRND ngo ko bakubise Interahamwe zaho, ngo ni Silasi ngo wateze bya grenade, umugabo Silasi witonda uzwi n'abantu bose, utazwiho ubugome bumeze gutyo. Ni biriya byo kuvuga muri Kidaho, muri Nkumba, muri Nyamugari ngo ni MRND yiyicira abayoboke ngo kugira ngo igire abayoboke benshi. Ni biriya byo muri Komine Mutura abantu bavuga ngo ni ikinamico rya MRND...; ibyo ntabwo nshobora kubyemera, kandi n'irindi shyaka ryose babishyiraho ntabwo nabyemera, ntabwo nabyemera birumvikana, ibyo ngibyo rero ntaho... ntaho bihuriye no kurwana kuishyaka kuko mbona ari ugukina ku mubyimba abantu baba batakaje ababo, ni ukukina ku mubyimba... ishyaka ryo si na ngombwa. Ishyaka se ni iki? Ishyaka rigizwe n'abantu. Ni ugukina abantu ku mubyimba gusa, kuko... ko umwana se w'uruhinja baba bamwica ngo ari mu rihe shyaka? Hari ubwo aba azihitiramo irindi! Ahubwo abica abo bantu ahubwo biyicira n'abayoboke batabizi! Hari ubwo umuntu ashobora guhindura ishyaka. Muri MRND se ni ngobwa ko umuntu aba ahazirikiye? Mu rindi shyaka se muri MDR, ubu se nta bari muri MDR baje muri MRND cyangwa se bagiye mu yandi mashyaka? Muri PLse? Muri ki.... Kwica umuntu ngo ari mu ishyaka gusa... ndakeka ni ubugome buteye ubwoba kuko iryo shyaka ashobora kurivamo akaba n'umuyoboke w'irindi! Ubwo se uba umuhoye iki? Jyewe mbona rero ikire... ii ikiremwa muntu, naho kubyitirira ishyaka n'iki, ndakeka yuko ibyo ni.... ni ukundi gushinyagura kw'abanyapolitike, n'abandi bantu ntazi uko baremye mu bwenge bwabo. Ntabwo rero ndi umu...., wa mugabo we wowe wankurikiraniye ubusa ntabwo ndengera MRND, ndarengera

abantu gusa bomeka ibintu ku ishyaka bagira ngo gusa bakine abandi ku mubyimba nta kindi. Hanyuma rero abantu na none baratwandikira batubwira bati.... hari umuntu utwandikira rwose atubwira ati «mwigeze kuvuga ku mugabo Rwubatse Andereya ukorera Inkotanyi akaba yari umukozi....yari umukozi wa Préfecture ya Byumba. Mwavuze no ku witwa Nkabura Jean utuye muri Kegiteri Rugarama, Komine Ki... Komine Kidaho mu Ruhengeri. Rwubatse uwo atuye muri Segiteri Butete muri Kidaho mu Ruhengeri. Burya rero, hee burya re... hari a..ndakeka ko abwira abantu bazi aho ngaho muri iyo Komine, nasanze ari benshi ino kandi bumva radiyo RTLM; sinabura na none kubabwira ibyo bintu; burya rero Nkabura ni bamwana wa Rwubatse, kuko umuhungu we, Nkabu...umuhungu wa Nkabura witwa Sous-lieutenant Niyonsenga Pascal yarongoye umukobwa wa Rwubatse.

( FIN DE LA FACE A )

......menya ko Nkabura ngo yari asanzwe azirana na Kanyamibwa ngo amusumbya amafaranga. Ngo kuri Nyakwigendera Kanyamihigo Kalisiti aturanye na Hakizimana Eric, wamurwanyaga cyane ngo ari muri MRND, ngo Hakizimana akaba ariwe Ensipegiteri ( inspecteur ) wa segiteri ee primaire Kidaho. Ngo rero ngo atunze agatoki nta cyo ngo kuko..., ee....ubwo rero noneho arongera aravuga ati hinga mburire RTLM, hinga mburire... mburire RTLM ati kuko hari abantu bavuga ngo mwanga Abatutsi ati ubwo rero hari Abatutsi ati numvise bavuga ko bazabagirira nabi. Ariko se... umva, abantu bajye bareka gukabya. Abatutsi bose si abagome, harimo abagome, mu Bahutu, Abahutu bose si beza harimo abagome; mu moko mu Batwa, Abatwa bose si..., mbese mu moko yose yo mu Rwanda.... mu bantu bose abantu ni abantu. Ariko se

nk'umuntu wishyizemo ko RTLM yanga Abatutsi we ni muntu ki? Umututsi se ubu ....Ni nde se mbese wanga aba... Abatutsi(inaudible)? Umututsi se umwanga ngo yagize ate? Wabona Umututsi gusa yigendera ngo afite izuru ryiza, ngo ni muremure, ngo ni iki....,ngo ngo ngo ibyo bintu ngo urabimuhoye? Niba afite izuru ryiza risongoje rito, nawe ufite iryawe rinini riguha umuyaga uhagije ugahumeka ibihaha byawe bigahehera, ibyo se wabimwangira kuki? Ko muba mutariremye! Radiyo RTLM ntabwo yanga Abatutsi ntacyo bapfa, ntibagaburira, ntibayigaburira, baragenda, ariko....cyangwa se muri RTLM uwanga Abatutsi ni nde? Ni Kantano se? Mbanga se, Abatutsi se hari uwo naraye iwe, hari uwangaburiye, hari uwo se nagaburiye? hari...ko bagenda bagahita ngahita! Hiin! Wihitira hariya mu isoko muri quartier mateus ugasanga bubatse urugo bagize gute...,(aseka) none se nshobora kuvuga ibitabashimishije birashoboka. Nshobora kuvuga nti ni Inkotanyi ni iki... bo kuko bumva zishaka kubageza ku butegetsi, ibyo ni ibyabo. Ariko rero Inkotanyi ntizakora amarorerwa ngo ne kuzivuga ngo kugira ngo Abatutsi ngo tudatongana n'iki.... ntabwo bishoboka! Abahutu ntibakora amarorerwa ngo ne kubivuga ngo ngo ntatongana n'Abahutu! Abantu bose babi bagomba kwamaganwa; kuko isi igizwe n'abantu babi, u Rwanda rugizwe n'abantu babi, ubwoko bwose baba baturutsemo bwaba bubi. Hanyuma ariko uwo mugabo aratubwira ati hinga mbaburire, kuko ntihabura umuntu wa... warwaye mu mutwe, uza akabamerera nabi. Ati nimwabona imodoka plaque AB 8589 ije kuri radiyo RTLM mugomba kwi... kwitegereza neza. Ahaa iyo radiyo..., nako iyo modoka AB 8589 uretse ko nta na parking hano dufite, nta parking dufite ntazayizane aho. Ati iyo modoka rero y'umugabo.... witwa Kabagema..., ati uwo Kabagema yigeze kujya muri mitingi ya Rukokoma n'Agata yabereye i Nyanza, igihe bari muri animation atakaza imbunda yo mu bwoko bwa pistolet, nyuma Abajandarume baramufata, bamufungira i Nyanza mu minsi mike bamuvana i Nyanza bamufungira i Gitarama. Huumm ati ubwo iyo mbunda yari ayitunze ku buryo butemewe. Yafunzwe igihe kitarenze ukwezi, kuko mushiki we yamushakiye ibyangombwa byayo, kugira ngo abyerekane bamufungure, none yarabibonye. Huum ikibazo...Kuki yarinze gufungwa akarinda gufungurwa atarabyerekana? Iyo mbunda iramutse ikoze amarorerwa byakwitirirwa nde? Huum ahaa! Ibyo rero ngo kuki

abategetsi b'ingabo babona ibintu nk'ibyo bakicecekera, ubwo rero ngo ibyo bintu ni ibyo kwamaganwa, si non u Rwanda bararugwizamo Inkotanyi dore ko basigaye babita abagizi na...ba nabi kandi ibintu bikomeye. Turashimira umuntu watwandikiye iyi barwa ndakeka yuko ibyo yanditsemo ari byo; ubwo rero wakoze kutuburira, wakoze kutugira inama, ariko rero ndakeka yuko ntawe uzashyuha umutwe, nta wuzasara ngo agere... ageze aho kuza kutubuza amahoro ngo twanga Abatutsi, ngo twanga Inkotanyi, ngo twanga MDR, ngo twanga CDR, ngo twanga MRND, ngo twanga ibintu byose, reka da! Ahubwo ibintu byose tugenda ducamburamo ukuri kugomba kubwirwa Abanyarwanda. Nta kindi, nta kindi tugamije. Naho ibyo twanga n'ibyo dukunda, ibyo ni ibyo mu mutima wacu.

Mukomeje kumva radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali mu minota itanu biraba ari saa tanu muri sitidiyo zacu, ariko rero turakomezanya tugeze saa sita. Hinga tube turuhuka gato twumva uyu muziki .

Kayiranga rero, président watowe na congrès idasanzwe ya PL, akaba président wa PL agonganye na Mugenzi Yusitini, uyu munsi ngo muri Hôtel des Diplômates aravuga..., aratanga ikiganiro mbwirwaruhame, muri Hôtel des Diplômates saa kumi n'imwe, président rero wa PL washyizweho na congrès y'ubushize, ngo araza kugira icyo abwira abanyamakuru, dore ko na Mugenzi Yustini nawe ubu ngubu arimo ahatana ngo akore congrès nawe ye na none nawe yongere imutore, PL rero ibe igize abaperezida babiri, hanyuma PL Hutu na PL Tutsi nta wuzi uko bizagenda. Yewe, hari abavuga bati na FPR reka igere mu Rwanda hanyuma haze FPR Mputu na FPR Ntutsi noneho amaherezo, amaherezo ikibazo cyo mu Rwanda; uretse ko ari na ko bimeze ni uko abantu babyirengagiza; kizabe gusa icy'Abahutu n'Abatutsi. Ibindi by'amashyaka ubundi babyihorere. Nguko rero uko ibintu bimeze, Kayiranga Karoli ee ngo arakoresha ikiganiro mbwirwaruhame muli Hôtel des diplomates, ubwo abafite akanya baranyaruka bajye kureba icyo PL Ntutsi ivuga kuri PL Mputu, hanyuma ni uko rwambikane. Huum abanyapolitike, politike ibageze kure ni abo gusabira.

Cassette RTLM 0291 transcrite par OI

Twebwe turi abanyamakuru rero turiyanimira ( animer ), tu... tune...twe twikorera animation, nibazajya batwiha tuzajya tuba... tubaha amenyo, nibatatwiha kandi tubihorere basugire basagambe. Mu gitondo hari uwambwiye ati yaaa, ati Kantano ati rwose madamu Uwilingimana Agata ati rwose wamurayeho ijoro ryose umumereye nabi, umuvugaho ibintu byinshi ati rwose ati wabaye ute? Erega, ni agatangaza; ntabwo ari jye, ntabwo ari jye. None se ko yari yanditse ibintu bigasohoka mu kinyamakuru, icyo gihe rero nashoboraga kubona umwanya nkabyivugira uko nshatse, ntabwo ari ukuvuga uko nshatse, ariko nkavuga uko ukuri kugaragara. None se umuntu aravuga ati nimuntabare bagiye kunyica; nkavuga nti umenya ahari ibyateye abaminisitire bacu b'intebe, iyo iminsi yabo iri hafi ku...kurangira, cyangwa se bakavaho baranyaruka bagahunga bati bari batwishe. Noneho bakazagaruka isoni zarashize. None se ubu ko Nsengiyaremye Disimasi yagiye avuga ngo barashaka kumwica, none se abamwi...abashakaga kumwica se yasanze ibyo bari kumwicisha byagiye, yasanze se barapfuye? Ubu se ko nta wuramwica? Ni igitangaza! Undi nawe ati bagiye kunyica. Baramwica se baramwicira iki? Ibyo ari byo byose niba hari n'abashaka kumwica ntabwo ari abo akeka. Ahubwo hari abo abeshyera. Kuko abashaka yenda kumwica; nabwo ni uko atavuga uko bashaka kumwica; abashaka kumwica politiquement, kuko umuntu ashobora kupfa mu buryo bubiri, abashaka kumukura muri politike, abashaka kumwica politiquement ni abo bashya...basangiye ishyaka.Abashaka kumwica se bandi ba..baba bava hehe ? Ntibakajye rero abantu babeshya amahanga, ngo basakuze, ngo ni uko ba...ba... bafite aho bavugira, ibyo ngibyo ni byo tuzajya tubabwira tuti twebwe abanyamakuru tuba tugerageza kubwira Abaturage tuti baturage muramenye si uko umuntu ari umunyapolitike ko ibyo avuze biba ari ivanjili.Umuntu ntazajya ajya hejuru y'agasongero ngo avuze induru ngo bagiye kumwica, abantu koko ngo bacike umugongo ngo umuntu agiye gupfa. Eee nyuma kandi niba umuntu avuze ati abantu barashaka kunyica, navuge abo aribo niye kubakigikira. Ahubwo gukekeranya ngo umenya..., ngo... umenya ari Perezida HABYARIMANA, umenya ari iki....,umenya ubwo Perezida HABYARIMANA ataza mu nama ya leta.... none se niba ataza mu nama ya leta yaziyoboye, yaziyoboye koko akerekana ko ari la dame de fer! Huum none se arwaye se ntiyayobora inama

yavuga... ,ubu se inama za leta zimaze gupfuba ari eshatu, enye... ni ibyerekana gusa yuko guverinoma nta ngufu ifite! Iyo umuntu rero ananiwe cyangwa nta mbaraga, ntakarebe undi abyegekaho ngo amugire akabando k'urwitwazo.

Mukomeje kumva radiyo RTLM ivugira i Kigali ubu ni saa tanu n'iminota makumyabiri n'ine muri sitidiyo zacu. Twiyumvire umuziki, maze mukushi ishire ku mutima. ( musique ).

...a Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali ubu ni saa tanu n'iminota hafi mirongo ine muri sitidiyo zacu.Hee, maze rero RTLM, abantu bafite imitwe ishyushye amaherezo izabasaza, abataye imitwe bo birumvikana yuko bazayita burundu. Hari abantu rero bakunda gutelefona bavuga utuntu rwose bishakiye, ngo uko umuntu avuze akajambo gato bakagasesengura bakakane... bakakanenga; ni uburenganzira bwabo. Maze rero.... kubera ko radiyo RTLM ari radiyo yanyu... nk'ubu hari umumotari untelefonye avuga ngo... ngo rwose ndabashebeje, ngo mvuze ko hari abarya ivandu, ngo hari, ngo iki..., ubwo se yakekaga ko nta muntu ubizi, sinavuze abamotari bose, ariko navuze ko harimo abamotari barya ivandu, abo bo barazwi rwose , barazwi n'ubu nagenda ee nkamubereka. Kuvuga rero noneho ngo Abanyamakuru nibo barya ivandu ngo ntabwo ari abamotari, ibyo ni uguterana amagambo yenda hari abanyamakuru barya ivandu (aseka), ibyo ni utugeso twa buri muntu, ariko rero navuze nti bamwe mu bamotari; ari abashyira abantu ku mapikipiki, bakababagemurira amabandi ahantu, bakijijisha ngo yooo! Ngo baraduteze weee! Ngo oooo! Ngo sinari mbizi; kandi babayobeje ku bushake kuko babakuye ku kabari basinze. Ari abajyana indaya zivuye mu tubari zikererewe, bakajya kuzirya ivandu hariya kuri tapi rouge, abo bose ndabamenyesha ko ari inges... ari ingeso mbi, ni ingeso mbi bazihane. Ni kimwe n'aba baporofeseri (professeur) barwana n'abanyeshuli. Ndabizi mu mashuri, n'amashuri ahubwo mato, harimo abana babaye ibyigomeke b'ibihararumbo, ariko rero iyo umunyeshuli... iyo umuporofeseri yatangiye kurwana nabo, bashobora kumukomeretsa, ibaze umuny..umuporofeseri, umwarimu amukuye amenyo amuteye nk'umutwe akamukura amenyo akagenda n'ibihanga, uwo baseka cyane ntabwo ari umunyeshuli, baseka mwalimu, hiin!

Cassette RTLM 0291 transcrite par OI

Ndakeka rero yuko uyu mugabo witwa..., uyu munye...uyu mwalimu witwa Niyi... NIYITEGEKA Victor, n'uriya Muzayirwa witwa PALUKU, ndetse n'uriya witwa KAZINDU, bigisha muli ETM; Ecole Technique Muhazi; ndakeka yuko bakwiye kwitonda yenda bagakuraho abanyeshili amanota, ariko ntibarwane, ntibarwane nabo. Warwana se n'umunyeshuli, yakumenye ijisho, nyuma ukazavuga ngo iki? Huu! NITEGEKA Victor ndabeshya ra? Niba wumva r...e...RTLM, kurwana n'abanyeshuli bo muri ETM; Ecole Technique Muhazi; ntabwo ari byiza, umuntu yabakuraho conduite. Nyuma rero noneho kurwanira yuko umuntu afite e..., umuntu wamubonaho akantu k'ishyaka... kuko abo banyeshuli barakuze umwana wiga secondaire aba afite uburenganzira bwo guhitamo ishyaka. Guhita rero umubonana akantu k'ishyaka, cyangwa ngo umubonanye agafoto ka NDADAYE,... wakurikiza nawe ibitekerezo byawe bikuri mu mutwe ugahekenya amenyo ukamutera urushyi ngo ni uko umutegeka, ibyo na byo bishobora guteza amahane atoroshye kuko umwana wiga muri secondaire aba afite ibitekerezo bye, aba afite uburenganzira bwe, nawe uba ufite ubwawe, haa, mushobora kugongana rero ushaka kumwima uburenganzira bwe.

Muri UTEXIRWA barimo barambaza bati «bite KANTANO ko ukunda siporo rwose tubwire neza... ntacyo utubwira. Ntunatubwira uti ko Rayon sport izakina na Etincelle ku cyumweru abashaka..., abashaka gukora irushanwa ry'uko bazatsindana nibatelefona hano. Maze rero wakoze Eric ukora muri UTEXIRWA n'abakozi bose bo muri UTEXIRWA ndabashuhuje ni inshuti za RTLM ndabizi. Maze rero... ni byo koko, RTLM izajya ibagezaho ama... n'amakuru ya siporo. Turacyashaka uburyo tuzajya tubibategurira, ariko mu minsi iri imbere tuzajya tubashyi... tubagezaho n'amakuru ya siporo ashyushye. Ibyo rwose ni byo twiyemeje birumvikana yuko radiyo yacu irimo abajene (jeunes), irimo abantu bakunda siporo, bakunda kwidagadura kandi ni radiyo urebye muri rusange yo kwidagandura nta mpamvu rero twababuza rwose iyo myidagaduro. Eric rero wakoze kunyibutsa nzajya ngerageza.... Nyuma kandi abashaka kudutelefona batubwira uko Rayon sport izatsindana koko na Etincelle, bashobora

K0211308



kubitubwira abareba imipira cyane baba bazi uko abakinyi bamera, iki byose..., ariko rero birahinduka. Nyuma ejo numvise batumiza n'abasifuzi umenya ari ukubaha za remarques bati «basifuzi rero mwi... mwi... gira... mwigayisha umupira wacu; ni byo nabo koko bakwiye kwikubita agashyi ukoma urusyo akoma n'ingasire. Abakinnyi bacu nabo bakwiye kujya bubaha abaje kubareba, ntusuzugure abantu ngo uve mu kibuga wiruka, wirukankira, yenda wumvise ucitse intege cyangwa ufashwe n'imbwa, eee... cyangwa se wumva utagifite akabaraga, nuko ngo uvemo wirukanka, abantu batanze amafaranga yabo banyagiwe, baje bihuta ngo baje kukogeza cyangwa se... hariho n'ababa bagukunda baje kukogeza uba uteye agahinda! Ubwo uvuye mu kibuga kandi hari amategeko ushobora kujurira ugashobora ku gira gute, nyuma kandi ukamenya yuko ushobora gutsinda nk'uko ushobora gutsindwa. Mu buzima..., ubuzima ntabwo bukozwe na réussites gusa habamo na za échecs. Uko umuntu rero yeshuwe (échouer) si ko yajya yiyahura. Abatumva igifaransa ndashaka kuvuga yuko mu buzima ibintu byose umuntu ntabishyika. Hari ibyo ageraho n'ibyo atsindwaho. Mu mupira ho ni n'ibindi bindi kuko harimwo za tombola nyinshi, ujya ubona abantu bagera imbere y'izamu ntihashobore kugira uwinjiza igitego, ujya ubona utera atabishaka kikinjira; mbese ibintu byose birimo tombola abantu ntibari bakwiye kubipfa; umukino ni umukino. Nyuma kandi na none ntihakagire abantu bazana mu mikino ibintu by'amashyaka, ibintu by'uturere. Hein! Kuko biragayitse; ukumva nk'umuntu avuga ngo ikipe yenda Rayon Sport yi...ni iya FPR, cyangwa se ni iya MDR, cyangwa se ngo ikipe Etincelle ngo ni iya MRND, cyangwa ngo ni CDR ... Kera ndabyibuka bigikaze, bigikaze ibyamashyaka imitwe yarashyushye mbese Inkotanyi zarayishyuhije, waragendaga... ndibuka abakinnyi bo muri Etincelle bigeze gukina umupira, abantu bagakomera ngo CDR, kandi yenda ubwo ari muri FPR, cyangwa ari muri PL, ibyo gukubita umupira akawuhusha akitura hasi, kubera gusa yuko abantu bose bakomereye ngo CDR,CDR... ugasanga ni nk'ikintu k'igisebo, ugasanga umuntu rwose w'umusore wa... washobora gukina umupira agashimisha abantu, abantu bamuciye intege, ugasanga ibiki... Umukino ni umukino! Nyuma kandi aho umuntu yava, akarere yavamo kose, yakina ukanezerwa. Ba Bakari se ntibadushimishije? Ba Pélé se? Ba nde ya nde? Nyuma kandi amashyaka se ahuriye he n'umukino? Mu mashyaka, hein... abari muri...

mu ishyka MDR bo barabibonye, umukino umara iminota mirongo icyenda, ushobora kureba umupira iminota mirongo icyenda wishimye. Ariko mu mashyaka sinzi yuko ushobora kumara umunsi wishimye. Ntibishoboka. Bihora bihinduka. Politike rero si umukino, umukino si politike, tujye tumenya kubitandukanya.Kandi amakipe, akarere iba ivamo kose, si ngombwa yuko iba ari iy'iryo shyaka cyangwa se niba Perezida w'ishyaka.... Hari abambwiye ngoKiyovu noneho ngoni Interahamwe, ngo... ngo ni MRND, ngo...nta... ngo kuko Perezida wayo ari Renzaho. Oya da! Ibyo nta ho bihuriye. Abakinnyi barigenga, bafite uburenganzira bwo kujya mu mashy... mu mashyaka bashaka. Ntiwafata rero FPR, PL n'iki... byose ngo uteranye, uvuge ngo ubonye MDR. Non, ntabwo bishoboka.

Mukomeje kumva radiyo yigenga RTLM, ubu ni saa...saa sita zirabura iminota cumi n'ibiri, mu kanya rero mu minota cumi n'ibiri, ibyo ari byo byose turaba tuganira ibindi bintu, ariko rero saa sita ziraba zigeze, abantu bihutire kujya mu maresitora (restaurant), amaresitora ajye aza rwose tuyarangishe, tuyarangire abantu. Hari abo twagiye dukorera publicité, noneho bakaza bati «RTLM muturangishirize restaurant yacu iri ahantu rwose hatagaragara, none abantu bayimenye». Abantu bayimenya bajyayo, bakaza bavuza induru bati «RTLM ya restaurant mwatubwiye, vraiment ntabwo bigenda. Twagezeyo tubura uduha ikiyiko, tubura uduha isupu, tubura iki... Tumara umu...tumara... ibitoki nta wurazana ibishyimbo, tumara ibishyimbo nta wura... Ugasanga rero niba abantu bakoresha publicité bajye bitegura ko rwose baba ntamakemwa, hum! Sibyo. Niba umuntu ambwiye ati «uze mu minota itanu muraba mubonye icyo kurya», hein babe bakibonye bafungure batahe. Yee, hanyuma rero, muri ayo ma restaurant yaje kutu... kuturangishaho ni restaurant yitwa NORMAL. Restaurant NORMAL rero iri hafi y'ikigo cya Electrogaz aho mu kanya bari bateye amahane ngo bahabonye grenade eshatu, ni byo koko izo grenade zahabonetse ariko bazihakuye zagiye, ntazihasigaye. Muri restaurant NORMAL rero ubu nizere yuko biteguye aba clients baza kurya mu kanya. Hanyuma muri restaurant rero na yo yitwa PIZZA iri hafi y'Isangano naho nizere yuko..., nizere yuko pizza ihari, n'ikigage ku buryo... nta muntu ubura icyo yifuza, kandi abarya yo..., abarya aho hose

muryoherwe. Ayo maresitora yose ni uko yaje kuduha icyashara cya publicité n'andi yose azaze, hanyuma ajye anadutumira turyeyo twumve ko biryoshye (aseka). Twumve umuziki.

...ivugira i Kigali, radiyo yanyu rero ubutumwa... bwa vuba vuba, bwihuta, kubera ko radiyo yanyu murayituma ikabatumikira kandi vuba. Ibyo na byo biri mu bintu radiyo ikundirwa. Abanyamakuru rero...., abanyamakuru n'abandi bantu bose mukunda ibiganiro mbwiraruhame, mukunda gukurikira ibintu bya politike, kugira ngo politike itazabasiga, uyu munsi..., uyu munsi komite yatowe na congrès y'igihugu yo kuwa cumi na gatatu n'uwa cumi na kane Ugushyingo mirongo icyenda na gatatu y'ishyaka PL, irakoresha conférence de presse i saa kumi n'imwe n'igice, muri Hôtel des Diplômates. Muze rero muri benshi nyine mwumve ee...abagize iyo..., iyo komite yatowe na congrès y'igihugu yo kuwa cumi na gatatu n'uwa cumi na... n'iya cumi na kane Ugushyingo ya PL, muze mwumve icyo ibagezaho ku bibazo biriho muri iki gihe n'ibiri mu ishyaka PL.
Iri tangazo rero riri no mu gifaransa bien sûr. Ndabona ryasinyweho na Kameya Andreya, umunyamabanga..., secrétaire général w'ishyaka PL, nawe watowe n'iyo congrès y'igihugu y'ishyaka PL yabereye muri... muri Hôtel Méridien. Ndakeka ko mukibyibuka.
«Le comité exécutif du Parti Libéral donne une conférence de presses aujourd'hui le 9 à 17h 30 à l'hôtel des Diplômates. Soyez donc nombreux à venir écouter...

Iri tangazo rya PL ndakeka yuko...hinga nongere ndibasubiriremo, yenda hari abataryumvise. Komite yatowe na congrès y'igihugu yo kuwa cumi na gatatu no kuwa cumi na kane Ugushyingo, iyo congrès yabaye ku itariki cumi n'eshatu n'itariki cumi n'enye Ugushyingo eee y'ishyaka PL irakoresha conférence de presse, uyu munsi i saa kumi n'imwe n'igice muri Hôtel des Diplomates. Eee muze rero muri benshi kugira ngo mwumve ibiganiro by'ishyaka PL. Hanyuma noneho mwumve iyo komite yatowe na congrès y'igihugu yo kuwa cumi na gatatu no kuwa cumi na kane Ugushyingo, igihe yatoye Perezida w'ishyaka aba Kayiranga Karoli, hanyuma muze kumva rero icyo ibagezaho. Mukomeje kumva radiyo yigenga RTLM ivugira i

KO211311



Kigali twumve akaziki gatoya hanyuma nongere mbagezeho ubutumwa bwihutirwa.

**Orateur : Hitimana Noheli**

(inaudible)ese umuntu yaba ari musanzire wa Kajeguhakwa...., hein! Ari musanzire we ubizi (inaudible) nta madolari nta n'amafranga bamuha, azi neza ko muri ako karere Inkotanyi zicengerera hose mu giturage zambaye no mu gisivile, bafite imbunda muri iyo myenda imbere, zikora icyo zishaka (inaudible) Ati azi neza ko abo muri MINUAR batajya nabo mu mihanda isanzwe ku ma centre ngo bajye (inaudible) mu giturage babone nábo bantu bambaye gisivile, kandi ntibabamenya. Abanyamahanga se bamenya umuntu wambaye gisivile bate? Batabizi aho aba, huum! Icyo nicyo cyo atabeshya rubanda, ariko ati ajye amenya ko twe tumuzi tuvukana twiriranwa hano mu mujyi i Kigali, n'iwacu bamuzi, ati n'ibyo akora tuba tubireba. Ati uwububa abonwa n'uhagaze. Naho ubundi kubeshya...(inaudible) azabeshye abahinde. Ibyo ngpoye kubabwira rero si ukubeshya kuko iyo nkuru nyivanye ahantu harenze hatatu; mu Rugunga bongeye batega ibindi... ikindi gisasu. Bagiteze ariko Imana yakinze akaboko kuko ngo umugabo ngo munini munini niwe wagiteze, umuzamu amureba, mu kibuga cy'umupira cyo mu Rugunga cyo mu banyeshuli noneho umuzamu arareba ati uriya mugabo avuye he? Aramubaza ati uvuye hehe? Undi ati mvuye kuri toilette. Hum! Toilettes se za hano.....za hariya ni izihe? Hein! Umuzamu aragenda aragenzura asanga icyo kintu kigeretseho akaringiti, ni bwo yatabaje, Abafaransa ni bo bageze aho baragenda barakirasa kiraturika. Niba rero bagira ngo Abafaransa nibava mu Rwanda noneho ntituza...tugatoye, nizeye ko migambi yindi yafashwe n'iyo Abafaransa bava ino ko nta cyo twaba, Naho ubundi imigambi irimo iracurwa, ndeste yatangiye gukorwa no gukoreshwa no gukurikizwa.

Muracyumva radiyo yanyu radiyo RTLM; reka mbashyirireho akaziki, akaziki k'abantu bo muri Komine Murambi. Muti kuki? Kubera ko muri iyo Komine mu kanya ngiye kubasobanurira, ko muri komine Murambi uyu munsi Burugumestre waho mushyashya wasimbuye Burgumestre Gatete (inaudible) Jean de Dieu uyu munsi niho yarahiye, arahirira ko

azubahiriza amategeko, azubaha ubutegetsi, agakorera abaturage nk'uko yabyemeye mu maso y'Imana n'abaturage. Reka twumve ako kaziki kabo, maze dukomeze twumva ukuntu byagenze. (musique).

.........amatangazo menshi kandi mbere y'ayo matangazo rwose...(inaudible).
Komite y'impuzamugambi za CDR batuye i Kigali kandi bavuka i Cyangugu, itumiye impuzamugambi zose za CDR zivuka i Cyangugu, kandi zituye muri Kigali kuzaza mu nama izabera ku biro bikuru by'ishyaka CDR, ku cyumweru tariki ya cumi na kabiri muri uku kwezi saa ine za mu gitondo. Kubera ingingo zikomeye zizigirwa muri iyo nama basabye bose kuzayitabira kandi bazahagerere n'igihe. Ni vice-président niwe wasinye. Ndabona signature izina ntaryo (inaudible).

(arakoroye) Ishyaka riharanira ukwishyira ukizana kwa buri muntu PL rizakoresha mitingi i Butare ku cyumweru tariki cumi na kabiri z'ukwezi kwa cumi na kabiri k'uyu mwaka mu rwego rw'igihugu. Muzaze kwiyumvira abakuru bashya b'ishyaka PL. Ryasinywe na Kameya Andereya, Secrétaire Général (inaudible).

Perezida w'ishyirahamwe (inaudible)RTLM société anonyme, kuwa gatandatu tariki ya cumi n'imwe muri uku kwezi kwa cumi na kabiri ejo bundi saa tatu za mu gitondo, bikazahita kuri Radio Télévision Libre des Mille collines « RTLM » ku cyumweru tariki ya cumi na kabiri muri uku kwezi kwa cumi na kabiri saa tatu za mu gitondo. Abatumiwe ni aba :
-Nkurunziza Charles,
-Barayagwiza Jean-Bosco,
-Madame Mbonampeka Marie-Claire,
-Kameya Andreya,
-Rwabukwisi Lady,
Radio Télévision Libre des mille collines « RTLM » ishimiye abo yatumiye kuzitabira icyo

kiganiro kandi bakazira n'igihe.

Bizirema Augustin, umukozi muri MININTER....

....Kigali muri sitidiyo za radiyo yanyu radiyo RTLM ubu ni urubuga rw'umuzika, rwose twidagadure.( Musique ).

**Orateur : GAHIGI Gaspard**

...........tugiye kubashakira amakuru. Amakuru akomeye ngiye kubagezaho mu mwanya nyuma y»iri tangazo ribika.

Umuryango wa Rudasingwa Herimani uramenyesha inshuti n'abavandimwe ko uwo Herimani Rudas...( inaudible)

Maze kuganira n'Inkotanyi yavuye mu Nkotanyi yizanye ubwayo, ubwo tugiranye ikiganiro cy'isaha nzima, ndagira ngo mukurikire mwumve ko ikibazo cy'Inkotanyi gikomeye, mwumve aho zigeze, mwumve... cyane cyane urubyiruko runyumva, rwumve ikibajyana mu Nkotanyi, bumve urubateze, nkagira ngo mwumve icyo kiganiro nagiranye n'Inkotanyi muri uyu mwanya. ( Inaudible )....umusore mugufi wirabura ufite tenu y'Inkotanyi wambaye bote (bottes), akaba ari umusore ufite imyaka makumyabiri n'irindwi ukomoka muru Komine Mugusa i Butare. Uwo Niyibizi Emmanuel akaba ari Umuhutu, akaba yishyize mu maboko y'u... mu maboko y'ingabo z'u Rwanda taliki makumyabiri n'ebyiri Ugushyingo. Nkagira ngo rero nganire na Niyibizi Emmanuel, imwe mu Nkotanyi yishyize mu maboko y'ingabo z'u Rwanda taliki makumyabiri n'ebyiri Ugushyingo. Noneho Niyibizi Emmanuel ndagira ngo tuganire, umbwire ukuntu wishyize mu maboko y'ingabo z'u Rwanda ubitewe n'iki?

**Orateur: Niyibizi Emmanuel**

Cassette RTLM 0291 transcrite par OI

Njyewe icyanteye kwishyira mu maboko y'ingabo z'u Rwanda, icyo gihe byari ibintu bikomeye cyane bash... ba... mbega bicaga abantu bicaga Abahutu bavuga ko ba... bava mo mapozosiyo y'Inkotanyi bakajya mu...

( FIN DE LA FACE B ).